



Japan International
Cooperation Agency
(JICA)

RWANDA ECOPD NEWS

September 2011, Vol.4



Rwanda Demobilization and
Reintegration Commission
(RDRC)

**Project on Skills training and Job Obtainment Support for Social Participation of
Ex-Combatants and Other People with Disabilities**
**Umushinga wo gutanga ubumennyi n'ubushobozi bigamije gufasha abantu bahoze
ari abasirikare n'abandi bafite ubumuga kwhangira imirimo**

263 People With Disabilities participate in the skills training from September !

Abantu bafite ubumuga 263 barigishwa imyuga guhera muri Nzeri 2011



Can you guess where are they going to? Ushobora kwibaza aho bagiye ?

They are going to the venue of screening for the skills training. They always have few chances due to disabilities. But, ECOPD Project is different. PWDs are the essential person in ECOPD Project. Some PWDs take mini bus in 3 hours and some of them walk with clutches in 2 hours to participate in the screening of skills training for PWDs.

Now, 263 trainees are participating in the skills training in 4 training centers. We report the screening for the skills training in this ECOPD Project News.

Bagiye ahanu habera ijongora ry'abantu bazahabwa amahugurwa mu myuga. Ubusanzwe, ayo mahirwe bayabona ari bake kubera ubumuga. Ariko umushinga ECOPD ukora ibinyuranye n'ibyo. Abantu bafite ubumuga niba b'ibanze muri uwo mushinga. Bamwe muri bo bakora urugendo rw'amasaha atatu mu modoka, abandi bagenda n'imbago mu gihe cy'amasaha abiri kugira ngo bajye mu majongora y'abantu bafite ubumuga bazigishwa imyuga.

Kugeza ubu, abanyeshuri 263 barigishirizwa mu bigo bine byigisha imyuga. Muri iki kinyamakuru cy'umushinga ECOPD, turabagezaho uko ijongora ry'abazigishwa imyuga ryagenze.

How do they select the trainees ? Abigishwa imyuga bajongorwa bate ?

**Recruitment
Ijongora**

Firstly, we announce about the recruitment of trainees. Most effective medium is Radio because a lot of our target group haven't TV and newspaper. We announce the information of screening through radio, communication by RDRC and District Officers.

Mbere na mbere, dutanga itangazo ku ijonjorwa ry'abanyeshuri. Uburyo dukoresha butuma rigera kuri benshi ni Radiyo kuko abo rigenewe benshi badafite Televiziyo cyangwa ngo basome ibinyamakuru. Ubundi buryo dukoresha ni ukunyuzwa iryo tangazo kuri Komisiyo y'Igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe n'abakozi b'Uturere.

Reception **Kwakira abaje** **mu kujonjorwa**

In the screening day, firstly, we check a condition of trainees at the reception. People who never participated in the skills training only can participate in the screening because we want to give more PWDs the opportunity of skills training. We check existing record of disabled ex-combatants such as record of training, type/grade of disabilities.

Ku munsu w'ijonjora, tubanza kugenzura niba abantu baje bujuje ibya ngombwa bisabwa. Abantu batigeze bahabwa amahugurwa na rimwe niba bonyine bajonjorwa kugirango abantu bafite ubumuga bahabwe amahugurwa yo kwiga imyuga ari benshi. Tugenzura ibya ngombwa by'abasezerewe mu ngabo bafite ubumuga nko kureba niba barigeze guhugurwa, imiterere n'icyiciro cy'ubumuga n'ibindi.



← RDRC and ECOPD staff hand to the reception card to the candidates for skills training.

← Abakozi ba Komisiyo yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe n'ab'umushinga ECOPD baha amakarita abakandida baje mu ijonjora ry'abazigishwa imyuga.

Medical Screening

After reception, medical screening is conducted by Doctor and nurse to see a disability condition of candidates. If a person isn't disabled, he/she can't participate in the screening of skills training.

Nyuma yo kwakira abakandida, Umuganga n'umuforomo batoranya abafite ubumuga. Iyo habonetse umuntu udafite ubumuga, ntiyemererwa kujonjorwa mu bazigishwa imyuga.



← Doctor of District and Nurse (Social Worker) of RDRC check the disabilities condition of candidates for skills training.

← Umuganga w'Akarere n'Umuforomo wa Komisiyo y'Igihugu yo gusezerera abasirikare no kubasubiza mu buzima busanzwe baragezura niba abakandida baje mu ijonjora bafite ubumuga koko

Calculation Test **Ikizamini cy'imibare**



← They concentrate on the test.

← barakora ikizamini

The trainees require the basic ability of reading, writing and calculation to skills training such as a theory and practice. We can not accept all candidates due to the limitation of center's capacity. That's why we refer to the result of test for final selection. In truth, we should provide a chance for people who couldn't get education opportunity due to poverty and disability. But it takes long time to solve this issue. We need to improve curriculum, trainer's skill and increase a number of trainer to solve the issue. This issue is our challenge as next stage.

Abazigishwa imyuga basabwa kuba bafite ubumenyi bw'ibanze mu gusoma, kwandika no kubara, bakamenya no kubukoresha.

Ntidushobora kwemerera abasabye kwiga imyuga bese bitewe n'uko ubushobozi bwo kubakira ibigo byigisha imyuga bifite ari bukeya. Ni yo mpamvu dukurikiza amanota bagize muri icyo kizamini cya nyuma. Mu by'ukuri, twakagombye guha amahirwe yo kwiga abantu batigeze babona ayo amahirwe kubera ubukene n'ubumuga. Ariko, bitwara igihe kinini gukemura icyo kibazo. Dukeneye kunoza gahunda y'inyigisho, ubumenyi n'ubushobozi bw'abanyeshuri mu myuga no kongera umubare w'abanyeshuri kugirango icyo kibazo gikemuke. Ibyo ni byo bizitabwaho mu cyiciro gitaha.

Announcement of Result

Kumenyesha ibyagezweho mu Ijonjora

The committee members of screening discuss and decide the trainees. Finally,

we announce the result of screening. New trainee will start skills training from next day.

Abagize komite y'ijonjora baraganira bakemeza amazina y'abajonjowe. Nyuma batangaza amazina yabo. Abanyeshuri bashya batangira kwigishwa imyuga ku munsu ukurikiyeho.

Number of new trainees from September, 2011

Imibare y'abanyeshuri bashya batangiye kwiga muri Nzeri 2011

263 trainees are participating in 4 training centers from September, 2011.

The number of the trainees in terms to each course as follows;

Abanyeshuri 263 barigishirizwa mu bigo 4 byigisha imyuga guhera muri Nzeri 2011.

Imibare y'abanyeshuri biga imyuga iteye gutya :

	Welding Gusudira	Plumping Gukora amazi	Tailoring Ubudozi	Cooking Guteka	Electronic Elegitoroniki	Computer Mudasobwa	Agriculture Ubuhinzi
Total (People) Bose hamwe	20	15	66	19	49	14	80

In last June, we implemented the seminar and survey for disabled ex-combatants and 871 people participated. We are glad that many of them participated in the screening in this September too.

Muri Kamena 2011, twakoze ubushakashatsi ku bantu basezerewe mu ngabo n'abandi

bantu bafite ubumuga 871 bitabiriye inama. Twishimiye ko benshi muri bo bitabiriye ijongora ryabaye muri Nzeri 2011.

VOICE of Volunteers IJWI ry'abakorerabushake

- Message from JOCV - - Ubutumwa bwa JOCV -

1st intake trainees take first step !

Icyiciro cya mbere cy'abanyeshuri bagiye kurangiza

Japan Overseas Cooperation Volunteers (JOCV) are doing community based activities to develop them.

Umuryango w'Ubufatanye w'abakorerabushake b'abayapani ukora ibikorwa biteza imbere abatwaga.

Vol. 3: Ms. Miho HAYASHIDA, Dress making trainer at VTC Rwabuye, Huye

Miho, Umwalimu w'ubudozi mu Kigo cyigisha imyuga cya Rwabuye, Akarere ka Huye.



1st intake trainings are going to complete in October. The trainees are participating in the training for 6 months. The first time they started training, they practiced how to sew by hand only. But now, they can sew pretty blouse easily with sewing machine such as the left photo. For next stage, we have to consider how

to utilize the skills which are acquired in the training to obtain job.

That's why I started Home Visit !

I am visiting to their houses to get information on the job placement, existing cooperative and the possibility of creation of new cooperative.

I recognized that they have some difficulties in his life due to poverty.

I want to continue to support them to improve their quality of life.

Icyiciro cya mbere cy'amahugurwa kizarangira mu Kwakira 2011. Abanyeshuri baziga mu gihe cy'amezi 6. Bagitangira kwiga, badodaga bakoresheje intoki gusa. Ariko ubu bashobora kudoda ikanzu nziza bakoresheje imashini nkuko ifoto iri hejuru ibigaragaza. Ubutaha, tuzabigisha uburyo bakoreshe ubumenyi bize mu kwihangira umurimo.

Ni yo mpamvu natangiye kubasura mu ngo zabo kugirango mbone amakuru ku hantu hashobora kuboneka umurimo, ahari amakoperative n'ubushobozi bwo gushinga amashya. Nzi neza ko bafite ibibazo mu buzima bwabo kubera ubukene. Ndashaka gukomeza kubafasha kugirango baziteze imbere.

